IHURIRO RY'ABAPFAKAZI BO MURI DIYOSEZI YA NYUNDO BASUYE UMWEPISKOPI

Mu iyogezabutumwa rya Diyosezi ya Nyundo rigera kuri bose n'aho bari ,harimo kwita ku buryo bwihariye ku bapfakazi. Kuri uyu mugoroba tariki 13 gicurasi 2018, komite zihuza ihuriro ry'abapfakazi muri Diyosezi ya Nyundo, Zone Pastorale ya Gisenyi na Zone Pastorale ya Kibuye, bari kumwe n'abapadiri babashinzwe, Padiri Laurent NGENDAHAYO, na Padiri Fraterne NAHIMANA baje kuramutsa Umwepiskopi. Ni mugihe baje mu mahugurwa bagirana buri gihembwe n'abapadiri babashinzwe, bafashe uwo mwanya baramutsa Umwepiskopi.

Mu ijambo ry'ubahagarariye, yateruye ashimira Umwepiskopi ko adahwema kubitaho, abaha abasaseridoti babitaho, kandi ko adahwema kubatekerezaho abaha ubufasha bufatika bubarinda kuba mu bwigunge. Yamushimiye kandi ko igihe bamusabye kuza kumureba abakirana impuhwe. Bamwijeje ko bazakomeza kubaho mu budahemuka biteza imbere kandi bateza imbere abo Imana yabahaye. Bashimiye Umwepiskopi ko yabafashije kumenyana aho bari hose muri Diyosezi ; uko babatekerezaho babashakira uburyo bufatika bwo kwiteza imbere kuri Roho no ku mubiri no gufashanya aho bari hose. Yarangije amwifuriza amahoro y'Imana, amusaba gukomeza kubaba hafi.

Mu Ijambo rye Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, yabashimiye ko batekereje kuza kumuramutsa, kandi abashimira uko bakorana n'abapadiri babashinzwe. Yakomeje ababwira ati mu buzima bwanyu Kiliziya izakomeza kubafasha uko ishoboye. Yakomeje ababwira ati ndabashimira uko mwakiriye ubuzima mubayemo kandi mukakira Kiliziya ho umubyeyi wanyu ibafasha kuba koko abakristu aho muri mu buzima bwanyu mutandavuye. Yabashishikarije gukomeza kwita ku bana basigaranye nk'ikimenyetso cy'urukundo n'ubudahemuka basigiwe n'abo bari barashakanye. Umwepiskopi yabasabye ko inama bagirana zibahuza baturutse hirya no hino muri Diyosezi yacu zababera umwanya ukomeye wo kuba intumwa nziza kubandi babayeho nkabo. Yarangije ijambo rye abashimira kandi abizeza ko Diyosezi ya Nyundo izakomeza kubaba hafi no kubafasha kwifasha mu bukristu bwabo no mu buzima bwabo busanzwe.

Padiri Jean Marie KWIZERA